





# Umunsi Izuba Ryigendeye

Emmanuel Sibomana
Jesse Breytenbach

Kinyarwanda




Umunsi umwe Izuba ryiyemeje kujya gusura murumuna waryo witwa Kwezi. Kwezi atuye mu rund iruhande rw'ikirere. Izuba ribwira ibicu riti, "Nzagaruka vuba."




Izuba rimaze kugenda, imisozi iba yambaye ibitambaro byo mu mutwe.



Umuyaga utangira gutongana n'ibiti. Ibiti birarakara. Bijugunya amababi ahantu hose.




Ikirere gitangira kwitototomba. Kiba gitangiye kwijima.




Ibicu bibonye ibi byose birarakara. Bitangira kurira. Birira amarira menshi.




Isi yose itangira kwibira mu mazi.




Muri icyo gihe, mu rundi ruhanderw'ikirere, Izuba ryiteguraga kuva kwa murumuna waryo. Nuko riramusezera rirataha.



Ikirere kirishima kuko Izubarigarutse, gihita gihinduka ubururu. Imisozi yongera kwambara imyenda yayo myiza y'icyatsi.




Umuyaga ujya kuryama. Ibiti birambura amashami yabyo biramwenyura.



Ibicu birishima kuko byari bibonye Nyina ari we Zuba agarutse. Birigendera bijya kwikinira.



Ibihingwa byinshi bimera mu butaka bitangira gusuhuza biti, "Muraho?" Isi yose iranezerwa.



Izuba rikwiza umucyo waryo hose. Rivuga ryishimye riti, "Nari nabibabwiye ko nzagaruka."

You are free to download, copy, translate or adapt this story and use the illustrations as long as you attribute in the following way:

Umunsi Izuba Ryigendeye

**Author** - Khothatso Ranoosi and Marion Drew
**Translation** - Emmanuel Sibomana
**Illustration** - Jesse Breytenbach
**Language** - Kinyarwanda
**Level** - First sentences

© African Storybook Initiative 2015
Creative Commons: Attribution 4.0
**Source** www.africanstorybook.org
**Original source** http://paleng.weebly.com/,